CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RISOZA INAMA YA KANE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 03-06 UKUBOZA 2019**

Abepiskopi Gatolika bahuriye mu nama yabo ya kane isanzwe kuva ku itariki ya 03 kugeza ku ya 06 Ukuboza 2019 ibera i Kigali ku cyicaro cyayo. Iyi Nama yayobowe na Musenyeri Filipo Rukamba, Umwepiskopi wa Butare akaba n'umuyobozi w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Nyuma yo gusangira isengesho, yatangaje ingingo zizaganirwaho n'igihe ibyo biganiro bizabera.

Ku munsi wa mbere, Nyiricyubahiro Myr Andrzej Józwowicz, Intumwa ya Papa mu Rwanda yaje mu muhango wo gufungura inama nk'uko bisanzwe. Abepiskopi basangiye nawe amakuru arebana na Kiliziya mu rwego rw'isi yose. Intumwa ya Papa mu Rwanda yaboneyeho kongera kubamenyesha ko Nyirubutungane Papa Fransisko ashishikajwe cyane no gushyiraho ingamba zihamye zo kurengera abana no kunoza uburere n'uburezi buhabwa abitegura kuba abapadiri. Yishimiye umubano mwiza uri hagati ya Leta y'U Rwanda n'Ubuyobozi bwite bwa Vatikani yizera ko buzakomeza kujya mbere mu bufatanye busesuye kandi bwaguye buri wese abigizemo uruhare. Yabashimiye ubuhamya bwahuje abantu b'ingeri nyinshi mu nama mpuzamahanga ya za kaminuza Gatolika zo muri Afrika ikoresha ururimi rw'igifaransa no ku ruhare rwa Kiliziya mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Abepiskopi bahanahanye n'amakuru yaranze ubutumwa bwabo mu madiyosezi bayobora muri iki gihembwe cya nyuma cy'umwaka wa 2019.

Abepiskopi bakiriye n'Abahagarariye ubuyobozi bwa polisi ishami ryita ku mutekano wo mu muhanda. Izo ntumwa zasabye ubufatanye na Kiliziya mu gushishikariza abantu bose kwita ku buzima bwabo n'ubw'abandi bagakumira batyo impanuka za hato na hato ziterwa n'uburangare, isindwe n'umuvuduko ukabije!

Ku munsi wa kabiri w'inama, Abepiskopi bateze amatwi abayobozi b'amaseminari makuru uko ari ane: iya Rutongo n'iya Nyumba batangiriramo, iya Kabgayi baguriramo ubumenyi no kunoza umuhamagaro wabo n'iya Nyakibanda izikuriye zose akaba ariyo barangiza bitaba Ijwi ry'Imana burundu, bakakira inshingano zihariye muri Kiliziya, bakaba abapadiri, bakoherezwa mu butumwa bwo kunga abantu n'Imana mu Muryango wayo. Muri rusange, umwaka ushize wagenze neza uretse ko hakomeje kugaragara ibibazo mu myaka ibanza. Basanze benshi bafite ingorane mu ndimi z'amahanga bigatuma guhangara amasomo yo mu iseminari nkuru bigorana. Abepiskopi bifuje ko abaseminari bakomeza kunganirwa bongera ubumenyi bw'indimi kandi bagatozwa gusoma ibitabo cyane ndetse n'abarimu babo bagahabwa amahugurwa muri izo ndimi ku buryo babafasha bihagije.

Bishimiye uko inama nyunguranabitekerezo ku ruhare rwa Kiliziya mu rugendo rw'ubwiyunge yo ku wa 29 ugushyingo 2019 yitabiriwe n'ingamba nshya idusigiye. Bashimiye Komisiyo y'ubutabera n'amahoro

yayiteguye ikabasha kugaragaza uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge muri iyi myaka 25 nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi. Basanze umusanzu wa Kiliziya ushimishije kandi uzakomeza kwiyongera.

Bashimiye cyane Madamu Jeannette KAGAME witabiriye iyo nama akanayitangamo ubutumwa bwiza butera umwete abantu bose bitangira ubutabera, ubwiyunge, ubumwe n'amahoro mu Banyarwanda. Basoje uyu munsi bakira igitabo kigena imirerere y'Abaseminari basaba ko habaho ikosora rya nyuma, kigasohoka vuba kugira ngo hatangire urugendo rwo kucyemeza mu rwego rwa Kiliziya yose.

Ku itariki ya 5 ukuboza 2019, Abepiskopi bakosoye imyandikire y'igitabo cy'amabwiriza ngengamikorere y'Ikenurabushyo rya Kiliziya**, "Tugendere hamwe",** barangiza igika cya gatanu. Icyo gitabo kigeze ahashimishije kuko hasigaye gukosora ibindi bika bine kikaba kirangiye.

Kuri uwo munsi batangije umwaka w'ubucamanza muri Kiliziya Gatolika iri mu Rwanda, bashima imikorere y'urukiko rwa Kiliziya igaragaza ko rutangiye gushinga imizi! Basabye abacamanza gukomeza gushyiramo ingufu kugira ngo urukiko rugeze serivisi zarwo ku bazikeneye bose.

Bagennye igihe n'ahantu hazabera umwiherero wabo wo gusenga mu mwaka utaha ndetse bemeza gahunda y'inama zo mu mwaka wa 2020 n'ibikorwa by'ingenzi bizitabwaho. Baniyemeje gukomeza kunoza ubushakashatsi buzashingirwaho ubusabe bwo gutangiza igikorwa cyo gushyira mu rwego rw'abahire abitangiye abandi muri jenoside yakorewe abatutsi. Banasabye komisiyo ishinzwe kuvugurura Seminari nkuru ya Rutongo kwihutisha inyigo ivuguruye kugira ngo imirimo itangire. Uyu munsi wasojwe n'amatora ya Komite Nyobozi Nshya.

Umunsi wa kane ari nawo wa nyuma w'iyi nama waranzwe no gucoca ibibazo binyuranye, gushyira mu myanya abatezweho umusanzu wihariye. Abepiskopi bakiriye kandi Komite y'Urwego ruhuza Abiyeguriyimana (ASUMA: **A**ssociation des **Su**périeurs **Ma**jeurs) hagamijwe kunoza imikoranire y'inzego bahagarariye.

Imirimo y'inama yarangiye ku wa gatanu tariki ya 6 ukuboza 2019, Abepiskopi bemeza imyanzuro yayo n'itangazo riyisoza banifurizanya Noheli nziza n' umwaka mushya muhire w'2020.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 06/12/2019

Padiri Martin NIZIGIYIMANA,
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

✠ Filipo Rukamba,
Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda